REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'UMUTUNGO KAMERE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°32/2017: **Taliki ya 11–20 Ugushyingo 2017**

Ryoherejwe kuwa 22 Ugushyingo 2017

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Ugushyingo_2017; cyagaragaje imvura iri ku kigereranyo cyo hejuru y'iyari isanzwe iboneka mu Burasirazuba ndetse no mu gihugu hagati, naho ahandi mu gihugu hakaboneka imvura iri ku kigero cy'isanzwe iboneka muri iyo minsi.
- Amashusho y'icyogajuru yerekana **ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka** kubera igabanuka mu ngano ry'imvura ryabonetse muri iki gice cya 2 ugereranyije n'igice cya mbere cy'Ugushyingo_2017
- **21-30_Ugushyingo_2017;** hateganyijwe imvura izaba nyinshi mu majyepfo ugereranyije n'izaboneka mu gice cy'amajyaruguru ndetse ikaba nke hose ugereranyije n'iyabonetse mu bice byombi byabanje by' Ugushyingo_2017

I. Iriburiro

Mu gice cya kabiri cy' Ugushyingo_2017; igiteranyo cy'imvura yabonetse cyagaragaje ko iyo mvura yabaye nyinshi mu Burasirazuba ndetse no mu gihugu hagati (aho yarengeje ikigereranyo cy'imvura yari isanzwe iboneka muri iyo minsi); naho ahandi mu gihugu hakaboneka imvura iri ku gipimo cy'iyari isanzwe ihaboneka muri iyo minsi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 11-20_Ugushyingo_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Ugushyingo_2017	11-20_Ugushyingo
Kigali	65.6	42.6
Rusizi (Kamembe)	49.7	58.0
Rubavu (Gisenyi)	46.5	49.4
Nyamagabe (Gikongoro)	36.3	40.4
Ngoma (Kibungo)	45.9	46.3
Gicumbi (Byumba)	13.0	39.5
Bugarama	43.0	60.9
Musanze (Ruhengeri)	40.7	52.8
Gitega	54.4	35.5
Rubengera	33.8	40.8
Byimana	27.8	40.5
Kawangire	72.1	51.0

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 11-20_Ugushyingo_2017 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10_Ugushyingo_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Ugushyingo_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Ugushyingo



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Ugushyingo_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Ugushyingo



II. Uko imvura yaguye mu mataliki ya 11-20_Ugushyingo_2017 mu buryo burambuye

Mu gice cya kabiri cy' Ugushyingo_2017; igiteranyo cy'imvura yabonetse kuva cyagaragajeko iri ku kigereranyo cyo hejuru y'iyari isanzwe iboneka mu Burasirazuba ndetse no mu gihugu hagati, naho ahandi mu gihugu hakaboneka imvura iri ku kigero cy'iyari isanzwe ihaboneka; usibye ku bupimiro bwa Gicumbi hagaragaye nke (reba **Ikarita1&2** ndetse **n'Imbonerahamwe ya1**). Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Ugushyingo_2017; nacyo cyagaragaje imvura nyinshi mu Burasirazuba, ariko iba nke mu gihugu hagati ugereranyije n'iyari isanzwe iboneka muri ayo mataliki (reba **Ikarita1&2** ndetse **n'Imbonerahamwe ya1**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Ugushyingo.2017 igice cya mbere

Ikarita5: Ugushyingo.2017 igice cya kabiri

Mu gice cya 2 cy' Ugushyingo_2017; amashusho y'icyogajuru yerekana igabanuka ku bubobere bw'ubutaka kubera igabanuka mu ngano y'imvura yabonetse muri iki gice cya 2 ugereranyije n'igice cya mbere cy'Ugushyingo_2017 (reba **Ikarita 5&6**) ariko igipimo kikaba kikerekana ubutaka bufite ububobere bubereye ibihingwa byinshi

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Ugushyingo_2017

Mu gice cya 3 cy' Ugushyingo_2017; hateganyijwe imvura izaba nyinshi mu majyepfo ugereranyije n'izaboneka mu gice cy'amajyaruguru ndetse ikaba nke hose ugereranyije n'iyabonetse mu bice byombi byabanje by' Ugushyingo_2017

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)